**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA**

**GASABO**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.**

Umwaka wa 2022 umunsi wa 22 w' ukwezi kwa Ukwakira;

Twebwe UWERA Immaculee, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashjwe n'umwanditsi warwo UWANTEGE Mariane;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo uwitwa NGABONZIZA bakunda kwita Burakari, warezwe nk'uwihihshe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo kwiba hakoreshejwe intwaro, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo y'170 y'Itegeko No 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite nimero 01903/IPRL GASA/2020/FM/AU cyageze mu rukiko kuwa 28/10/2020 09:54 cyandikwa kuri RP 01217/2020/TGI/GSBO;

Tumaze kubona ko NGABONZIZA bakunda kwita Burakari atitabiriye iburanisha ry'urubanza ryo ku wa 22/12/2022 08:00 kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera, iburanisha ry'urubanza yarezwemo n'Ubushinjacyaha ryashyizwe tariki ya 23/02/2023 09:00 za mugitondo kugira ngo ahamagazwe nkuwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 z'Itegeko nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse NGABONZIZA bakunda kwita Burakari kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa 23/02/2023 09:00 za mu gitondo kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe haruguru aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirirwe urubanza adahari;

DUTEGETSE ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kinatangazwa ku rubuga rw'ubutegetsi bw'ubucamanza www.judiciary.gov.rw no ku mbuga nkoranyambaga arizo@Rwanda Judiciary(Tweeter) na Supreme court of Rwanda (Facebook) .

Iki cyemezo gitangira gukurikizwa umunsi cyafashweho.

Bikorewe i Gasabo ku munsi, Ukwezi n'Umwaka byavuzwe haruguru.

| | |
|---|---|
| Se | Se |
| **Immaculee UWERA** | **Mariane UWANTEGE** |
| **UMUCAMANZA** | **UMWANDITSI** |